REPUBULIKA Y'U RWANDA
National Commission for the Fight against Genocide
Commission Nationale de Lutte contre le Génocide
Komisiyo y'Igihugu yo Kurwanya Jenoside
-CNLG-

14 MARS 2019
Kigali, ...
N°...../CNLG/SE
03926/191

Ubutumwa bugenewe urubyiruko ku munsi w'umuganda 30/3/2019

Uyu munsi tariki ya 30 Werurwe 2019, mu Turere twose tw'Urwanda urubyuruko rwakoze umuganda udasanzwe nk'igikorwa gitegura Kwibuka25 Jenodise yakorewe Abatutsi.

Hashize imyaka 25 Abatutsi barenga miliyoni bishwe, ari nako buri mwaka tubibuka, kugira ngo tubasubize agaciro bambuwe muri Jenoside.

Uyu mwaka muri gahunda zitegura Kwibuka ku nshuro ya 25 Jenoside yakorewe Abatutsi, hateguwe gahunda zigenewe urubyiruko, kuko abenshi muri rwo batazi Jenoside, n'amateka yayo mabi.

Igikorwa cy'umuganda cyakorewe ku nzibutso za Jenoside, aho urubyiruko rwakoze ibikorwa byo kuzisukura, kuko ariho imibiri y'abishwe ishyinguwe mu cyubahiro.

Urwibutso ni ahantu hashyinguwe abacu, ababyeyi, abavandimwe inshuti bishwe nabi kubera ubuyobozi bubi. Kugira ngo Jenoside ibeho hagomba umugambi uyitegura, umugambi wo kurimbura bose cyangwa igice cy'abantu bahuriye ku bwenegihugu, ubwoko, ibara ry'uruhu, idini.

Jenoside yakorewe Abatutsi yari ishingiye ku mugambi wo kurimbura Abatutsi, ntihagire usigara wo kuzabara inkuru ku byabaye.

Guhera mu ijoro ryo ku wa 6 Mata kugera muri Nyakanga 1994, Abatutsi barenga miliyoni barishwe, impinja, abana, abagore, abagabo, abasaza n'abakecuru bicwa urw'agashinyaguro.

Nyamara, umugambi wo kurimbura Abatutsi ntiwasojwe wose, kuko ingabo za FPR-Inkotanyi zarwanye intambara yo kubohora Igihugu no guhagarika Jenoside kandi zirayitsinda. Uko umusirikari w'inkotanyi yarasaga umwanzi, niko yarwanaga

P.O. Box: 7035 Kigali – Hotline: 3560
E-mail: administrator@cnlg.gov.rw – Web site: www.cnlg.gov.rw

ashaka kurokora Abatutsi bari bugarijwe n'abicanyi. Ibi ni ubutwari bw'indashyikirwa tuzahora dushimira Inkotanyi n'Umugaba Mukuru w'Ingabo, Nyakubahwa Paul Kagame wayoboye urugamba rwo kubohora Igihugu akarutsinda.

Politiki mbi ishingiye kw'ivangura yoretse Urwanda, himikwa ingengabitekerzo ya Jenoside, isenya ubumwe b'Abanyarwanda. Abateguye Jenoside bakayishyira mu bikorwa ntibifuzaga ko habaho ahantu hakwiye ho gushyingura abicwaga muri Jenoside, kuko babishe bakabajugunya mu byobo, ndetse hari n'abataraboneka kugeza ubu.

Umuganda nk'uyu ni igikorwa kiri ku mutima urubyiruko ruhagarariye abandi benshi batashoboye gukora uyu muganda. Uyu muganda ugamije gukomeza ipfundo hagati y'ababyeyi bacu, abavandimwe baruhukiye hano, no kwishakamo imbaraga kugira ngo twiyemeze ko Jenoside yakorewe Abatutsi itazongera kubaho ukundi, haba mu Rwanda cyangwa se ahandi ku isi.

Haraza kubaho ikiganiro ku mateka ya Jenoside yakorewe Abatutsi, ingamba urubyiruko rufite mu kubungabunga amateka yacu, no kwiyemeza kubaka ejo heza hacu twifuza.

Urubyiruko rurasabwa kwitabira gahunda zo kwibuka zateguwe, haba gukurikirana ibiganiro ku rwego rw'Umudugudu, kwibuka tariki ya 7/4/2019, Walk to remember, no gusura inzibutso zegereye aho rutuye.

"KWIBUKA TWIYUBAKA"

P.O. Box: 7035 Kigali – Hotline: 3560
E-mail: administrator@cnlg.gov.rw – Web site: www.cnlg.gov.rw